Jya ureka gukora ibyo ushidikanyaho, ukore ibyo udashidikanyamo

Hadith yaturutse kwa Abu Muhamad Al Hassan Ibun Ally Ibun Abi Twalib, umwuzukuru w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaboneragaho ituze, yaravuze ati: Mu byo nazirikanye nakuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni imvugo igira iti: "Jya ureka gukora ibyo ushidikanyaho, ukore ibyo udashidikanyamo."

[Hadithi y'impamo] [رواه الترمذي والنسائي]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse kureka gukora ibyo dufitemo gushidikanya mu mvugo n'ibikorwa ndetse ko bibujijwe, niba biziririjwe cyangwa se bitaziririjwe, no gukora ibyo tudafitemo gushidikanya twizeye neza ko ari byiza kandi biziruye.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/66519